# KIGALI CITY
## GASABO DISTRICT
### GATSATA SECTOR
GATSATA SACCO - AMIZERO

**ITANGAZO RYO KUGURISHA IBYUMBA BY'UBUCURUZI N'IMIGABANE MURI KOPERATIVE ICYEREKEZO GATSATA**

Gatsata SACCO Amizero ni Koperative yo kubitsa no kuguriza ifite icyemezo cy'ubuzimagatozi yahawe na RCA muri 2010 n' uburenganzira yahawe na Banki Nkuru y'u Rwanda mu mwaka wa 2011. Uretse akazi ko kubitsa no kuguriza, ishora imari no mu bigo binyuranye. Ni muri urwo rwego yifuza kugurisha ibyumba by'ubucuruzi ndetse n'imigabane yayo ifite muri Koperative Icyerekezo hashingiwe ku cyemezo cy'Inteko rusange cyo kubahiriza ihame ry'uko nta koperative yo kugira imigabane mu yindi Koperative bidahuje intego.

Ibyumba bigurishwa bigizwe n'icyumba kimwe cy'ubucuruzi kinini kandi cyiza giherereye ahajyanye n'Ubucuruzi ubwo ari bwo bwose n'ikindi cyumba kiza cy'ububiko, byombi biherereye mu nyubako ya Koperative Icyerekezo hazwi kuba hari amagaraje akomeye.

Abifuza kugura ibyo byumba by 'ubucuruzi ndetse n'imigabane bageza ku Cyicaro gikuru cya GATSATA SACCO AMIZERO ibiciro byabo ; biri mu ibahasha ifunze neza inyuma yanditseho « **KUGURA IBYUMBA BY'UBUCURUZI N'IMIGABANE BYA GATSATA SACCO AMIZERO** » bitarenze ku wa **Gatanu ku itariki ya 23/12/2022 i saa yine za mu gitondo (10h:00 am).**

Abifuza gusura ibyo byumba cyangwa abashaka ibindi bisobanuro bagana ku cyicaro cya GATSATA SACCO AMIZERO kiri ku magaraje mu Gatsata iruhande rw'inyubako ya Koperative Icyerekezo cyangwa bagahamagara kuri izi nomero za telefone zikurikira : 0788456392

Bikorewe mu Gatsata ku itariki ya 3 Ukuboza 2022.

**NGENDO Alphonse**
**Perezida w'Inama y'Ubuyobozi**